

Ihame ry'ubuyobozi mu Umwanzuro



“Mu rubanza ubanje kuvuga asa n’ukiranuka, ariko uwo yaregaga iyo aje aramuhinyuza cyane.” Imigani 18:17

Byandistwe na rwiyezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Kimwe mu biranga kandi bagashimwa ku muyobozi ni uko agira ubushobozi bwo kwanzura. Ubu bushobozi ntabwo burahurwa maze ngo buhemberwe; ahubwo butangwa n’Imana muri buri kibazo cyivutse cg umuntu runaka buri muni. Ubuyobozi rero bukaba burimo gushora abantu mu bihe bidasanzwe, gusa ari nako batumbiriyeye imbere ku bisubizo. Ibi rero bisaba kureba kure; naho ubundi, ibihe bimwe bishobora kubayara akaga. abayobozi beza bangomba guhora bitondera ibyemezo bafashe cyangwa basuzume neza ko—izina ryabo hamwe n’akazi bitari mu mazi abira. Guca urubanza neza bituruka ku bantu bameze batya:

1. Abantu b’inyangamugayo kandi batari abacanshuro.
2. Bahora bashishikajwe no kureba igikwiye aho kureba uri mu kuri.
3. Ntabwo banga kumva inama zivuye ku bandi.

Kugira ngo rero duce imanza zitabera, tugomba natwe kwicira urubanza (Matayo 7:2), kuko ducira abandi urubanza dukurikije uko tubibona. Tubonamo abandi ibyo natwe twibonamo. Iyo du fite ubusambo, urwango, umunabi muri twe, tuzibaza ko na bandi ari uko bimeze. Tuzabafata n’urwicyekwe, kuko ibinyuze mu mutima akanwa karavuga (Matayo 12:34).

Ubutabera bukiranuka rero bushoboka gusa iyo washoboye kugera mu mizi y’ikibazo cyangwa umuntu hatitawe ku nyungu n’amarangamutima yacu. Ibi ubusanzwe bitoroshye kuko igihe cyose abantu nibo babikemura. Ibibazo byinshi bivuka ni ibibazo bihuza abantu bizana amarangamutima, uburakari

hamwe na bavuga bitonze. Buri wese aba yifuza ko bamwumva. Bivuze ko ntabwo wemera ko yakozwe amafuti. Guca urubanza rutabera bisaba kumva impande zombi zihuriye ku kibazo kugeza ubwo tugera ku mizi y’ukuri. Buri iyo ivuzwe yumvikana neza ariko twumvise urundi ruhande birahinduka—tubwira ko twumvise ikibazo, tugomba gufata icyemezo ku kintu turi bukore. Akenshi biba byiza kudashinja icyaha umuntu umwe gusa, ahubwo amakosa akaba ay’ ikipe yose, kuko iyo instinzi ibonetse yitirirwa ikipe yose. Rero iyo dushyize amakosa ku muntu runaka, bigabanyamo ikipe ibice. Ijambo rihabereye rero ni” nd-abizi ko yoweri yakozwe ikosa, nyamara byashobokaga kuryirinda iyo buri wese aza kuba maso”. Maze ukababarira ibyahise bigahita ahubwo mugapanga iby’ejo. Guhora urenganya abantu ku mafuti yo bakoze kera bibangamira mu gihe cya none bityo bagahera mu byakera, amaherezo n’ ejo habo hazaza haratokorwa. Akenshi umwanzuro mwiza wigirwa mu makosa twahuye nayo kera. Itoze rero ukoresheje inzitizi wahuye nazo kugira ngo zikubere urwego. Ibibazo akenshi biba bitwikiriwe n’igihu, kandi iyo tutumvise neza, tufata ibyemezo bidakwiye maze turenganye abandi. Tugomba kuba tuzi gufata ibyemezo bikwiye mu isi y’ubucuruzi.

Kuyobora ibitekerezo by’umuntu kugira ngo abone uruhande rumwe gusa kugeza ubwo “asinye amasezerano runaka” ibi bifatwa nk’ubucuruzi mu isi. Nyamara ibi ni ukuyobya uburari. Dushobora kugwa mu kantu kereka gusa iyo twamenye ukuri kw’ibintu, cyane cyane abacuruzi. Umwanzura nyawe rero ni agaciro gakenewe kuri buri saha y’umunsi. Rero shakisha amakuru utega amatwi unabitekerezaho, maze ibikorane umutima ukeye. Mu gihe rero dufashe ibyemezo mu gihe badushyizeho igitutu, tuzaba turi abayobozi bareba kure. Amwe mu magambo dukoresha agomba kuba, “reka mbanze mbitekerezeho.” Ibi biza-duhesha umugisha w’Imana n’abantu, ndeste n’izina ry’umuyobozi ufite umwanzuro utabera.”

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibibazo byo kwibazaho:

Umwanzuro mwiza ushobora kuba umwe wagabanywa ababiri, ariko kandi ukaba ariyo mpano iboneka gake kuri ino isi.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed